# REPUBLIC OF RWANDA

RDB RWANDA DEVELOPMENT BOARD

## OFFICE OF THE REGISTRAR GENERAL

THE INTELLECTUAL PROPERTY LAW N° 31/2009 of 26/10/2009

Reference is made to the Constitution of the Republic of Rwanda of 2003 revised in 2015 especially in article 47.

Reference is made to the **Law N° 28/2016 of 22/7/2016 on the preservation of cultural heritage and traditional knowledge**, especially in article 2 para 6, article 18 and article 19.

| | |
|---|---|
| 1. COPYRIGHT NUMBER | **RW/C/2023/37** |
| 2. GROUP | Cultural rites, philosophy, beliefs and human arts, practices and events derived from Culture Heritage of Rwanda |
| 3. SUB GROUP | NATIONAL INVENTORY OF INTANGIBLE CULTURAL HERITAGE OF RWANDA |
| 4. TITLE OF WORK | UMUGANURA |
| 5. NAME AND ADDRESS OF OWNER | MINISTRY OF YOUTH AND CULTURE<br>P.O BOX:6369 KIGALI, Rwanda |
| 6. NAME AND ADDRESS OF REPRESENTATIVE | Hon. Rosemary Mbabazi<br>Kigali |
| 7. SHORT DESCRIPTION OF WORK | *Umuganura* was an important annual ritual event with aim to celebrate and share the joy of the harvest. It was a thanksgiving for the annual achievements in different domains. It was also an opportunity to set up strategies for a better harvest in the year ahead. *Umuganura* started to be celebrated around 9$^{th}$ century, and it was strengthened by King Ruganzu II Ndoli (1510-1543). *Umuganura* used to be celebrated in two ways: At the national level and at the family level. Umuganura was characterized by celebration of their achievements, especially the agricultural and animal husbandry products. *Umuganura* is celebrated nowadays with emphasize to the national unity. |
| 8. FILING DATE | 16/03/2023 |

Dated this **20th day of March, 2023**

The Office of Registrar General certify that "Umuganura" inventoried by the Ministry having culture in his attributions is protected and declared by the State as a National Intangible Cultural Heritage.

*KAYIBANDA Richard*

*Registrar General*

## Nº 3. UMUGANURA

**Icyiciro umurage urimo**:

Umuganura ni ikimenyetso cy'umurage ndangamuco udafatika w'Abanyarwanda uri mu migenzo, imihango n'ibirori gakondo *(social practices, rituals and festive events)* hakurikijwe ibyiciro bigenwa n'Amasezerano Mpuzamahaga ya UNESCO y'i Paris mu Bufaransa yo ku wa 17 Ukwakira 2003 yo kubungabunga umurage ndangamuco udafatika, yemejwe burundu n'u Rwanda n'Iteka rya Perezida No 53/01 ryo ku wa 02/11/2012 ryemeza burundu amasezerano yo kubungabunga umurage ndangamuco udafatika yashyiriweho umukono i Paris mu Bufaransa kuwa 17 Ukwakira 2003. U Rwanda rwayashyizeho umukono ku itariki ya 21 Mutarama 2013.

Hashingiwe ku Itegeko Nº 28/2016 ryo ku wa 22/7/2016 rigena ibungabungwa ry'umurage ndangamuco n'ubumenyi gakondo, by'umwihariko mu ngingo ya 19 igena ibishingirwaho mu kwandika umurage ndangamuco udafatika, Umuganura ni umurage ndangamuco udafatika ugaragaza agaciro ndangamuco gahanitse ku muryango w'Abanyarwanda. Uyu murage ukeneye kurengerwa kugira ngo utazimira cyane ko mu mwaka w'1925 waciwe n'abakoroni mu rwego rwo gusenya ubumwe bw'Abanyarwanda no guca intege ubutegetsi bwariho. N'aho ugarukiye mu myaka ya za 1980, Umuganura ntabwo wagumanye agaciro nkako warufite mu muco w'Abanyarwanda. Umuganura wongeye kubundurwa mu w'2011 hagamijwe kongera gushimangira ubumwe bw'Abanyarwanda n'umuco wo kwigira, kwishakamo ibisubizo mu iterambere ry'Igihugu.

**Incamake y'amateka y'umurage w'Umuganura**:

Umuganura ni ijambo rikomoka ku nshinga kuganura, kikaba cyari igikorwa cyo kwishimira no gusangira umusaruro weze. Abanyarwanda basanganywe umuco wo kuganura no kuganuza. Ugeze ku musaruro bwa mbere agasangira n'abe bikitwa kubaganuza: Ababyeyi bakaganuza abana, abana bakaganuza ababyeyi ndetse n'abaturanyi bakaganuzanya. Hambere umwami n'abatware baganuzaga rubanda.

Umuganura ni imwe mu nzira z'ubwiru 18 zariho ku ngoma ya cyami. Ubwiru ni imihango gakondo y'amabanga y'ibwami yagenaga imitegekere y'igihugu; ingeri y'imihango ijyanye n'igikorwa iki n'iki ikitwa inzira. Ubwiru bwagereranywa n'Itegeko Nshinga muri iki gihe, naho inzira ikagereranywa n'umwe muri buri mutwe ugize Itegeko Nshinga. Umuganura rero wari inzira ikubiyemo imihango yakorwaga kugira ngo igihugu kigire uburumbuke bw'imyaka. Umuhango w'umuganura wasumbaga iyindi mihango yose yizihizwaga mu Rwanda mbere y'umwaduko w'abakoroni.

Abashakashatsi bamwe bavugako umuganura watangiye kwizihizwa ku ngoma ya Ruganzu II Ndori, abandi bakavuga ko wahanzwe na Gihanga hamwe n'indi mihango yose (Vansina, 2004:49). Abavuga ko watangiye ku bwa Ruganzu, bagenekereza bavuga ko ari mu gihe yari atangiye kwigarurira impugu u Rwanda rwari rwaratakaje nyuma y'itanga rya se Ndahiro I Cyamatare.

Ku ngoma ya gikoroni, Ababirigi baciye umuhango w'umuganura mu mwaka w'1925 mu rwego rwo kurwanya iby'ingenzi byarangaga ukwemera n'ubutegetsi gakondo mu Rwanda. Umuganura wongeye kugarurwa ukizihizwa tariki ya 1 Kanama buri mwaka ariko ari ibirori

RWANDA DEVELOPMENT BOARD (RDB) REGISTRA

bisanzwe bitandukanye n'ibya kera. Kuva mu w'1990, uwo munsi mukuru ntiwongeye kwiwihizwa. Nyuma yo kubona ko Umuganura ari kimwe mu byatumye u Rwanda ruba Igihugu gikomeye kandi kitavogerwa kuko watumaga Abanyarwanda bunga ubumwe, bakihaza, Leta y'u Rwanda yongeye kugarura Umuganura ndetse iwuha agaciro gakomeye guhera mu 2011. Wizihizwa buri wa Gatanu wa mbere wa Kanama buri mwaka kugira ngo kuri uwo munsi Abanyarwanda basabane bazirikana ibyiza bagezeho, ariko kandi banahiga gukora neza kurushaho umwaka utaha.

**Uko umuganura ukorwa**

Umuganura wizihizwaga buri mwaka. Ku rwego rw'igihugu wayoborwaga n'umwami n'umwiru w'Umuganura. Ariko n'ubwo umwami yagiraga uruhare muri uwo muhango, inshingano zikomeye zari iz'umwiru w'Umuganura. Ku rwego rw'umuryango, Umuganura wayoborwaga n'umukuru w'umuryango.

Umuganura batangiraga kuwitegura kuva muri Kanama. Habimburaga umuhango wo kwaka amasuka ibwami. Abiru b'abahinzi bo kwa Myaka (Abiru b'i Huro, muri Gakenke) bayatumaga umutsobe ubatwara (umwiru w'Umuganura). Mu kwezi kwa Nzeri bakabiba amasaka n'uburo mu nkuka.

Muri Mutarama akaba yeze bakajyana umurorano ibwami. Bakawuvuga mo umutsima bakawushyira mu twibo tune bakadutereka mu gicuba.

Bwacya ukaribwa n'Intarindwa. Mu mboneko za Gashyantare umwiru wo kwa Myaka akajya ibwami kuzana igitenga. Bakagihoma amavuta mu ndiba bakagishyira umwami akagikora ku rugara bakagisohokana no mu muryango bakagikorera umuntu babonye akakijyana i Bumbogo. Abiru bakacyuzuza imigerwa, bakayicuranura kikagaruka ibwami. Bigakurikirwa n'amasaka n'uburo, bagakora imihango yo kubyakira. Bagasya, bakavuga imitsima bakayihakurira mu byibo bine, umwami agasoma ku mata y'Inyubahiro. Agafata umutsima agakoza mu kidakombwa akagira kane, abo bafatanyije imihango na bo bakabigenza batyo, hanyuma akajya kwakira. Babikira imfizi yo mu Ndwanyi, bakagaburira Abambogo, ibirori bikirirwa bikarara, bikazasozwa no gusiga ingoma umukamo wa ya mfizi (IRST & MRAC, 2005).

Muri iki gihe, Umuganura wizihizwa buri wa Gatanu wa mbere w'ukwezi kwa Kanama buri mwaka, uba ari umunsi w'ikiruhuko mu gihugu hose. Muri icyo cyumweru, hategurwa ibikorwa binyuranye bigirwamo uruhare n'inzego za Leta, abikorera n'Abanyarwanda bose yaba imbere mu gihugu ndetse no mu mahanga. Ku munsi nyirizina w'Umuganura, haba ibirori byateguwe ku rwego rw'Igihugu bikitabirwa n'abayobozi bakuru mu nzego za Leta. Ibirori kandi bibera no mu nzego z'ibanze kugeza ku rwego rw'Umudugudu ndetse no mu muryango. Abanyarwanda barasabana, baganura ku myaka yeze; bakamurika umusaruro wagezweho muri uwo mwaka abakoze neza bagashimirwa mu ruhame, naho abatarahiriwe n'ibihe, bakaremerwa na bagenzi babo. Ibirori bisozwa harebwa ibitaragezweho, imbogamizi zabiteye ndetse hagafatwa ingamba nshya zigamije kongera umusaruro mu mwaka ukurikiyeho.

**Akamaro k'umuganura mu muryango nyarwanda**

Kuva kera, kwizihiza Umuganura, bishimangira zimwe mu ndangagaciro remezo z'umuco w'u Rwanda ari zo gukunda igihugu, ubupfura, gukunda umurimo n'ubumwe. Mu muco nyarwanda, hari imvugo igira iti: *"Imfura ni iyo musangira ntigucure, mwagendana ntigusige"*.

RWANDA DEVELOPMENT BOARD (RDB) REGISTRAR GENERAL

Iyi mvugo igaragarira mu muganura kuko ari umuhango ugamije gusangira ibyeze no kuremera abatarejeje.
Umuganura ni isoko y'ubwumvikane, ubusabane n'ubufatanye hagati y'Abanyarwanda. Kwizihiza Umuganura, bishimangira urugendo Abanyarwanda barimo rwo kwigira hifashishwa umuco kugira ngo hashakwe ibisubizo bihamye by'ibibazo bahura na byo.
Umuganura ni umugenzo winjiye mu mibereho y'Abanyarwanda, ugenga imigenzereze yabo mu buzima bwa buri munsi.
Mu busanzwe, nk'iyo umuntu yashinze urugo rushya, ntatinyuka kubiba imyaka mbere y'uko ababyeyi be babiba cyangwa se ngo aganure mbere yabo. Iyi migenzereze yashingiweho na Kiliziya Gatolika yo mu Rwanda aho uwahawe isakaramentu ry'ubusaseredoti ajya gusomera misa ye ya mbere nk'umusaseredoti muri paruwasi akomokamo ikitwa "misa y'umuganura" agamije kuganuza abamureze, kubasangiza ku bumenyi yigiye mu mashuri no kubamurikira umuhamagaro yagize n'inshingano nshya.
Ku Banyarwanda bari mu mahanga baba abagiye bakuze cyangwa abavukiyeyo, Umuganura ubafasha gusabana no kutibagirwa umuco wabo bityo bakawukomeraho ntibaganzwe n'imico y'ahandi. Ibi bitwereka ko Umuganura utuma Umunyarwanda aho ari hose, icyo akora cyose, ahoza umutima ku muryango akomoka mo agahora atekereza ku byiza yabagezaho.



***Umukino wo kuzana igitenga gishyirwamo imyaka, mu birori byo kwizihiza Umuganura 2022, Rulindo (Photo, IGIHE.COM)***

RWANDA DEVELOPMENT BOARD RDB REGISTRAR GENERAL